REPUBULIKA Y' U RWANDA

MINISITERI Y'IMARI N'IGENAMIGAMBI

IJAMBO RYA MINISITIRI W'IMARI N'IGENAMIGAMBI, JAMES MUSONI RIGEZA KU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO IBIKUBIYE MU INGENGO Y'IMARI YA LETA Y'UMWAKA WA 2007

KU WA 02 UGUSHYINGO 2006

I. INTERURO:

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite,
Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida,
Ba Nyakubahwa Badepite,
Namwe mwese muteraniye hano,

1. Nejejwe no kubagezaho Umushinga w'Itegeko ry'Ingengo y'Imari ya Leta y'umwaka wa 2007 nk'uko bitegenywa n'ingingo ya 79 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, kandi wemejwe na Guverinoma ku itariki ya 29 Nzeli 2006 nk'uko bitegenywa n'ingingo ya 42 y'Itegeko Ngenga ryerekeye Imari n'Umutungo bya Leta;

2. Uyu mushinga kandi ngiye ku bagezaho ukubiyemo ingingo z'ingenzi zikurikira nk'uko bitegenwa n'ingingo ya 39 y'Itegeko Ngenga ryerekeye Imari n'Umutungo bya Leta:
    - *Imiterereye y'ubukungu mu mwaka wa 2006;*
    - *Ibiteganywa ku bipimo by'ubukungu mu mwaka wa 2007;*
    - *Ibyashingiweho mu Kugena Ingengo y'Imari ya 2007;*
    - *Ibyerekeye uko amafaranga azinjira mu mwaka wa 2007;*
    - *Ingamba n'ibikorwa bigomba kwitabwaho mu mwaka wa 2007;*
    - *Ibyerekeye uko amafaranga azakoreshwa mu mwaka wa 2007;*
    - *Ibireba umwenda rusange w'Igihugu n'Ibirarane;*
    - *Imbogamizi zigaragara mu mwaka wa 2007 no mu gihe kiri imbere;*

II. UKO UBUKUNGU BWIFASHE MURI UYU MWAKA WA 2006:

Nyakubahwa Perezida, Banyakubahwa Badepite,

3. Muri uyu mwaka wa 2006, ibipimo ngenderwaho mu rwego rw'ubukungu bigaragaza ko ubukungu bw'uRwanda bwifashe neza. Uyu mwaka umusaruro w'Igihugu uziyongera ku gipimo kiri hafi 6% ugeranije n'Umwaka ushize. Icyi gipimo kijyanye n'itenganyamibare ryakozwe kugeza mu mwaka wa 2009 rigaragaza ko umusaruro uzaba wiyongeraho hagati ya 5-7%.

   Reka mbagezeho uko ubukungu bwifashe muri « secteur » z'ubukungu zinyuranye.

   « Real Sector »: Biteganyijwe ko mu 2006 umusaruro w'Igihugu uzazamukaho hafi 6% ugeranije n'Umwaka ushize. Uyu musaruro uzaterwa ahanini n'Ibyoherezwa mu mahanga; Ubucuruzi bw'imbere mu gihugu; Umusaruro w'inganda ; Za serivisi cyane mu bikorwa by'amabanki, ubwubatsi no gutwara abantu n'ibintu ; biziyongera k'uburyo bushimishije.

   Umusaruro w'ubuhinzi wa season B wabaye mwiza, ariko Umusaruro w'ubuhinzi muri rusange uzagabanuka ugereranije n'imyaka ishize kubera imvura nke yatumye « season A » irumba.

4. Hateganijwe ko izamuka ry'ibiciro (inflation) rizaba rigeze kuri 7.5% mu mpera z'umwaka. Nubwo icyi gipimo kiri hasi ugereranije n'umwaka ushize, kiri hejuru y'intego twari twihaye ya 5.5%. Ibi byatewe n'izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa byo mu gihugu hamwe n'ibiciro bya peteroli n'amashanyarazi kugeza ubu bikomeje kuba inzitizi z'amajyambere. Izamuka ry'ibiciro uvanyemo iriterwa n'ibiciro by'ibiribwa byo mu gihugu hamwe na peteroli n'amashanyarazi, riri hasi ya 4%.

5. Ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga bizagera kuri miliyoni USD 163.2 naho ibitumizwa mu mahanga bazagera kuri miliyoni USD 407. N'ubwo ibicuruzwa bitumizwa mu mahanga ari byinshi ugereranije n'ibyoherezwa mu mahanga, ibyinshi mu bintu bitumizwa mu mahanga n'ibikoresho bijya mu nganda hafi 34% bikaba bitanga ikizere cyo kuzagabanya icyo cyuho kiri hagati yabyo.

6. Muri uyu mwaka, Ifaranga ry'u Rwanda riziyongera agaciro hafi 1.4% ugereranije n'idorari ry'Abanyamerika.Ibi bizaterwa n'izamuka ry'ibyoherezwa hanze n'iyinjizwa ry'amafaranga yiyongereye y'abaterankunga muri uyu mwaka.

III. IBITEGANYWA KU BIPIMO BY'UBUKUNGU MU MWAKA WA 2007;

Nyakubahwa Perezida, Banyakubahwa Badepite,

Iteganyamibare ku bipimo by'ubukungu mu mwaka wa 2007 riragaragaza ko ubukungu buzakomeza kugenda neza.

- Umusaruro w'igihugu (GDP) uziyongeraho 6.4%;
- Izamuka ry'ibiciro (Inflation) rizagabanuka rigere kuri 5%;
- Izamuka ry'ibiciro uvanyemo ibiciro bya peteroli n'ibiribwa rizagera kuri 3.5%;
- Ibicuruzwa bitumizwa mu mahanga (Imports) biziyongeraho 14.3%;
- Ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga (Exports) biziyongeraho 12%;
- Ifaranga riziyongera agaciro ugereranije n'idorari (Nominal Exchange Rate) rizamukeho 0.7%;
- Inguzanyo zihabwa ibikorera na amabanki (Private Sector Domestic Credit) ziziyongeraho 12.8%;

IV. IBYASHINGIWEHO MU KEGENA INGENGO Y'IMARI YA 2007:

Nyakubahwa Perezida, Banyakubahwa Badepite,

7. Iyi ngengo y'Imari y'umwaka wa 2007 yateguwe hashingiwe ku bipimo byerekana uko ubukungu buhagaze muri uyu mwaka wa 2006 nk'uko maze kubisobanura. Itegurwa ryayo kandi ryitaye kuri ibi bikurikira:
    - Icyerekezo U Rwanda rwihaye mu mwaka wa 2020;
    - Intego z'amajyambere Guverinoma ishaka kugeraho nk'uko zikubiye mu mirongo minini y'intego z'iterambere z'ikinyagihumbi (Millenium Development Goals or MDGs);
    - Ibikorwa bisaba kwitabwaho byagaragajwe n'isuzuma (evaluation) ry'ishyirwa mubikorwa rya gahunda ya mbere y'Igihugu yo kurwanya ubukene (PRSP1);
    - Ibikorwa by'ingenzi bikubiye muri gahunda y'ishoramari rirambye (Long Term Investment Framework or LTIF) kugira ngo ibipimo by'ubukungu biteganijwe mu cyerekezo 2020 bigerweho;
    - Ibikorwa biteganyijwe muri gahunda ya Guverinoma y'imyaka 7 ;
    - Ibikorwa by'ingenzi byagaragajwe n'inzego za Leta zitandukanye;

V. UKO AMAFARANGA AZINJIRA MU MWAKA WA 2007:

Nyakubahwa Perezida, Banyakubahwa Badepite,

8. Iyi ngengo y'imari y'Umwaka wa 2007 ingana n'amafaranga miliyari RWF 493.3. Hiyongereyeho miliyari RWF 97.3 bingana na 25% ugereranije n'uyu mwaka wa 2006.

   Azaturuka imbere mu gihugu angana na miliyari RWF 242 bingana na 49.1% by'ingengo y'imari yose; muri aya 44.4% agizwe n'imisoro n'amahoro naho ayandi 4.7% azaturuka muri <reserves> za Leta.

   Amafaranga ateganijwe guturuka hanze angana na miliyari RWF 251.2 bingana na 50.9%. Imfashanyo zingana na 86%, naho inguzanyo zingana na 14%.

VI. INGAMBA N'IBIKORWA BITEGANIJWE MU MWAKA WA 2007:

Nyakubahwa Perezida, Banyakubahwa Badepite,

9. Ibikorwa by'ingenzi Guverinoma yiyemeje gukora mu mwaka wa 2007 byashakiwe kandi bisaranganywa amafaranga ku buryo bukurikira:

   (a) Kongera ibikorwa remezo byateganirijwe amafaranga angana na miliyari RWF 60.9. Hateganijwe ibi bikurikira:

   - Mu rwego rwo kongera Ingufu n'amashanyarazi mu gihugu, umushinga wo kubyaza amashanyarazi gazi methane yo mu kiyaga cya Kivu uzakomeza (35 MW);

- Hari gahunda yo kubaka urugomero rwa Rukarara (9.5 MW) na Nyabarongo (27.5 MW), n'izindi ngomero zicirirtse 10 mu bice bitandukanye;
- Hazasanwa ingomero z'amashanyarazi eshatu arizo Mukungwa, Gihira na Gisenyi;
- Hazagezwa amashanyarazi mu bice bya Kagitumba, Kiyumba, Karongi na Kirehe;
- Hazakorwa inyigo yo kubaka impombo ya peteroli izava i Kampala ikagera i Kigali;
- Imihanda ihuza uturere izakomeza gusanwa hagamijwe guteza imbere ubuhahirane.
- Hazasanwa imihanda yo mu mujyi wa Kigali itandukanye;
- Hazasanwa kandi imihanda minini ihuza Intara n'ihuza Intara n'uturere nka Muhanga-Ngororero-Mukamira; Kigali-Musanze-Rubavu na Kicukiro-Bugesera-Nemba;
- Hazakorwa inyigo zitandukanye mu zikurikira:
    (i) Umuhanda wa Rubavu-Karongi-Nyamasheke;
    (ii) Umuhanda uzengurutse Ikiyaga cya Muhazi;
    (iii) Umuhanda wa Gari ya Moshi uzaturuka Isaka muri Tanzania ukagera i Kigali;
    (iv) Umuhanda wa Ngoma-Bugesera-Nyanza;
    (v) Umuhanda wa Kabarondo-Rwinkwavu-Akagera Game Lodge;
    (vi) Umuhanda wa Base-Gicumbi-Ngarama-Nyagatare; hamwe
    (vii) n'Inyigo yo kubaka i Kibuga cy'Indege cya Bugesera;

(b) Kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi byateganirijwe amafaranga angana na miliyari RWF 19.8. iby'ingenzi bizitabwaho:

- Kongera ibikorwa byunganira ubuhinzi n'ubworozi cyane cyane kongera ifumbire n'imbuto za kijyambere mu buhinzi hamwe no gutera intanga z'ubwoko bwa kijyambere mu matungo;
- Kubaka amaterasi y'indinganire;
- Kurwanya indwara z'imyaka n'amatungo;
- Guhunika amazi y'imvura hagamijwe kubona amazi ahagije yo kuhira imyaka;
- Kuhira imyaka hamwe no kugomera imyaka imusozi (hillside irrigation);
- Gukora igishushanyo mbonera cyo kuhira imyaka (Irrigation Master Plan);
- Gukomeza gahunda yo guha buri muryango utishoboye inka yokorora;
- Gushakira amasoko imyaka n'amatungo mu gihugu hamwe no mu mahanga;

(c) Kongera ubushobozi bwo gukwirakwiza amazi byateganirijwe amafaranga angana na miliyari RWF 24.9. Dore iby'ingenzi bizitabwaho:

- Kongera amazi meza mu mujyi wa Kigali aturutse muri Nyabarongo hakiyongeraho angana na 40,000 m^3 ku munsi;

- Kongera kandi amazi meza mu Turere dutandukanye ku buryo abanyarwanda bashobora kubona amazi meza baziyongera bakagera kuri 63%;

- Gufasha amashuri n’ibigo nderabuzima guhunika amazi y’imvura;

(d) Kurengera ibidukikije no gufata neza ubutaka byateganirijwe amafaranga angana na miliyari RWF 4.8. Dore iby’ingenzi bizitabwaho:

- Gutera amashyamba mu Turere twose tw’u Rwanda;
- Gushyira mu bikorwa itegeko rigenga ubutaka cyane cyane gutangiza ibiro muri buri Karere bishinzwe gushyira mu bikorwa itegeko rigenga ubutaka;
- Gukora Igishushanyo mbonera cy’Umujyi muri buri Karere kugirango buri Karere gashobore kugira Umujyi;
- Gukora igishushanyo mbonera cy’imikoreshereze y’ubutaka;

(e) Gushyigikira abikorera hagamijwe guteza imbere ubucuruzi n’ishoramali byateganirijwe amafaranga angana na miliyari RWF 10.4. Dore iby’ingenzi bizitabwaho:

- Gutunganya ahateganywa kubakwa isoko mpuzamahanga (Free Trade Zone); iri soko rizafasha mu kongera Ishoramari n’umusaruro w’inganda mu Rwanda;
- Kubaka ahazakorerwa guteza imbere ishoramari n’ubucuruzi muri buri Karere (business development centres);
- Kunganira abikorera kugirango umubare w’imashini zitunganya ikawa zirusheho kwiyongera hagamijwe kongera agaciro k’ikawa yoherezwa mu mahanga;
- Kongera umubare w’ahantu nyaburanga (tourist sites) hasurwa n’abamukerarugendo;
- Guteza imbere amakoperative hubakwa inzego zitandukanye zayo no gushyiraho Ikigo kigenzura imikorere yayo;
- Guteza imbere ubukorikori hagamijwe kongera agaciro k’ibyoherezwa mu mahanga;

- Gutera inkunga ingengo y'imari y'Urugaga Nyarwanda rwa Abikorera (RPSF) kugirango bashobore kurangiza ibikorwa byabo bya buri munsi;

(f) Gutezi imbere ikoranabuhanga, ubumenyi n'ubushakashatsi byateganirijwe amafaranga angana na miliyari RWF 34.4. Dore iby'ingenzi bizitabwaho:

- Guteza imbere Ubumenyi n'Ikoranabuhanga muri gahunda yo kurwanya ubukene;
- Kurangiza umushinga w'itumanaho wa Karisimbi ugashobora gutangira imirimo;
- Gushyira ingufu mu guteza imbere ibijyanye n'inganda kugirango hajye hakorerwa ubushakashatsi butandukanye.
- Gushyiraho Ikigega cy'Ubumenyi, n'Ikoranabuhanga kizafasha abanyeshuri berekanye ubuhanga mu masomo ajyanye n'ubumenyi n'ikoranabuhanga kwiga amashuri ya mbere ku rwego mpuzamahanga.
- Kubaka za santire z'itumanaho mu Turere kugirango itumanaho rishobore gukwirakwizwa mu gihugu hose;
- Kubaka ICT park cyangwa ahuntu hagenewe Ikoranabuhanga;

(g) Gukomeza guteza imbere uburezi byateganirijwe amafaranga angana na miliyari RWF 80.2. Dore iby'ingenzi bizitabwaho:

i. <u>Mu mashuri abanza (primary education) hateganijwe ibi bikurikira</u>:

- Kongera umubare w'abarimu hagamijwe kugabanya umubare w'abanyenshuri kuri buri mwarimu;

- Kongera amafaranga agenerwa umunyenshuli (capitation grant) akava ku mafaranga 2,500 mu mwaka wa 2006 akagera ku RWF 4,000 mu mwaka wa 2007;
- Gusana no kubaka amashuri ku buryo twazagera ku ntego y'abana 45 muri buri cyumba mu mwaka wa 2015;

ii. Mu mashuri y'isumbuye (Lower and Upper secondary) hateganijwe ibi bikurikira:

- Kongera amafaranga agenerwa umunyenshuli akagera ku RWF 21,000 ku bana bacumbikirwa cyangwa RWF 11.000 kuba biga bataha;
- Kongera umubare w'abarimu hagamijwe kugabanya umubare w'abanyenshuri kuri buri mwarimu;
- Kongera umubare w'ibitabo mfashanyigisho hagamijwe kugabanya umubare w'abanyenshuli basaranganya igitabo;
- Gushyiraho ishuli ntangarugero muri buri Karere ryujuje ibyangombwa byose;
- Gusana no kubaka amashuri;
- Kubaka no Kongera ibikoresho bikoreshwa muri za <<laboratories>> n'ikoranabuhanga;

iii. Mu mashuri yigisha imyuga (vocational training) hateganijwe ibi bikurikira:

- Kuyashakira ibikoresho n'abarimu babifitiye ubushobozi;
- Kuvugurura imyigishirize;
- Kongera ubushobozi no kuzamura mu ntera amashuri abiri ya ETO;

iv. Mu mashuri Makuru (higher education) hateganijwe ibi bikurikira:

- Kuyashakira ibikoresho n'abarimu babifitiye ubushobozi;
- Kubaka za <<laboratories>> no kuzishakira ibikoresho;

(h) Gukomeza guteza imbere ubuvuzi byateganirijwe amafaranga angana na miliyari RWF 48.4. Dore iby'ingenzi bizitabwaho:

- Guteza imbere uburyo bw'ubwisungane mu kwivuza (community schemes and mutuelles);
- Gushyigikira uburyo bwo gutanga servisi z'ubuzima binyuze mu masezerano hagati inzego z'Uturere n'izi bitaro n'ibigo nderabuzima (Contractual approach in health service delivery);
- Gukomeza gutanga inkunga yo kugura inkingo, imiti yo kurwanya igituntu, icyorezo cya SIDA hamwe n'ibindi byorezo kugirango abanyarwanda bashobore kuvuzwa neza;
- Gukomeza gutanga inkunga yo gufasha abanyarwanda kuboneza urubyaro;

(i) Gushimangira gahunda yo kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage byateganirijwe amafaranga angana na miliyari RWF 15.4. Hateganijwe ibi bikurikira:

- Kongera amafaranga tugenera Uturere kugirango dushobore gushyira mu bikorwa inshingano zatwo zaburi gihe ;
- Kongera amafaranga yo gukoresha muri gahunda z'iterambere mu cyaro by'umwihariko Ikigega Rusange cyo Gutsura Amajyambere y'Uturere (CDF);

<u>Icyitonderwa:</u> Hari miliyari RWF 79.7 byagenewe ibikorwa byihariye mu Turere ariko akaba akubiye muri za gahunda zitandukanye.

(j) Guteza imbere Imiyoborere myiza n'imibereho myiza y'Abaturage (Good Governance) byateganirijwe amafaranga angana na miliyari RWF 38.5. iby'ingenzi bizitabwaho:

- Gushyigikira Porogaramu y'Inkiko-Gacaca;
- Gukomeza gutera inkunga ikigega cy'Abacitse ku icumu (FARG);
- Kugaburira abafungwa no kwita ku micungire y'amagereza;
- Gufasha abatishoboye kugirango bashobore kubona serivisi z'ibanze cyane cyane m'uburezi n'ubuvuzi;
- Gushyigikira ubutabera;
- Kuvugurura amategeko;
- Gukomeza kurengera abatishoboye cyane cyane abana b'imfubyi n'abapfakazi;
- Gushyigikira inzego z'abagore n'urubyiruko mu bikora bibyara umusaruro;
- Kongera ubushobozi itangazamakuru kugirango tugire itangazamakuru rya ababigize umwuga;
- Gukomeza ibikorwa byogusubiza ingabo mu buzima busanzwe;
- Gushyigikira inzego z'umutekano zongererwa ubumenyi n'ibikoresho;
- Gucyura no gutuza abanyarwanda batahuka cyane cyane abaturuka mu gihugu cya Tanzania;
- Gutanga indangamuntu zikoreshejwe ikoranabuhanga;

VII. UKO AMAFARANGA AZAKORESHWA MU MWAKA WA 2007:

Nyakubahwa Perezida, Banyakubahwa Badepite,

10. Nk'uko nari nabisobanuye, Ingengo y'Imari y'umwaka wa 2007 ingana na miliyari RWF 493.3. kandi yazamutseho 25% ugereranije n'uyu mwaka.

11. Ingengo y'imari isanzwe yarazamutseho miliyari RWF 32.2 ugereranije ni y'umwaka wa 2006 ni ukuvuga 11.4%.

12. Amafaranga azakoreshwa mu ngengo y'imari y'ubuzamura gihugu angana na miliyari RWF 177.7 akaba yariyongereyeho 59% ugereranije na uy'umwaka wa 2006. Uruhare rwa Leta mu mafaranga azakoreshwa mu mishinga y'amajyambere rungana na miliyari RWF 55.2 bingana na 31% byayo. Impano zingana na miliyari RWF 88.0 ni ukuvuga 49.5 % naho inguzanyo zingana na miliyari RWF 34.5 bingana na 19.4%.

Mu ngengo y’imari isanzwe, amafaranga asaranganijwe mu buryo bukurikira.

Icyo Azakoreshwa	Miliyari za RWF		(%)
	2006	2007	
Igiteranyo - Ingengo y'imari isanzwe (Recurrent Budget)	**283.4**	**315.6**	**11.4%**
Imishahara (Salaries & Wages)	61.7	70.5	14.3%
Ibintu n'imirimo (Goods & Services)	72.6	72.5	-0.1%
Amafaranga azakoreshwa kubera impamvu zidasanzwe (Exceptional	33.4	42.5	27.2%
Kwishyura inyungu ku myenda yafashwe (Interest payments)	10.6	9.7	-8.5%
Kwishyura imyenda (Amortization)	18.7	15.6	-16.6%
Imisanzu n'amafaranga yoherezwa mu bigo bya Leta (Transfers)	69.9	87.9	25.8%
Ishoramari Leta ikora mu Bigo ifite mo imigabane (Net Lending)	9.5	9.9	4.2%
Kwishyura ibirarane (Arrears)	7.0	7.0	0.0%
Ingengo y'Imari y'ubuzamuragihugu (development budget)	**112.7**	**177.7**	**57.7%**
Ingengo y'imari yose - mu mwaka wa 2007	**396.1**	**493.3**	**24.5%**

VIII. IBIREBANA N'UMWENDA RUSANGE W'IGIHUGU HAMWE N'IBIRARANE

Nyakubahwa Perezida, Banyakubahwa Badepite,

13. Nyuma y'aho u Rwanda rugabanyirijwe umwenda wo hanze, Guverinoma yafashe ingamba zo kurushaho gucunga neza imyenda. Imyenda yose izajya ifatwa hakurikijwe ibipimo by'ubukungu n'uburyo izishyurwamo hagamijwe kuzamura ubukungu bw'Igihugu muri rusange.

14. Muri iyi ngengo y'imari hateganijwe amafaranga angana na miliyari RWF 15.9 yo kwishyura imyenda n'inyungu ku myenda y'imbere mu gihugu. Ku birebana n'imyenda yo hanze, hateganijwe amafaranga angana na miliyari RWF 9.4 yo kwishyura imyenda n'inyungu ku myenda yo hanze. Ugereranijwe n'umwaka wa 2006, amafaranga yateganijwe aragabanuka kubera ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo gusonerwa imyenda n'amahanga.

15. Ku birebana n'ibirarane, muri iyi ngengo y'imari hateganijwe amafaranga angana na miliyari RWF 7.0. Aya mafaranga azakoreshwa kwishyura ibirarane bitandukanye harimo n'ibirarane by'ibyahoze ari za Komini hamwe n'ibya mbere y'intambara ya 1994.

IX. IMBOGAMIZI ZIGARAGARA MU GIHE KIRI IMBERE

Nyakubahwa Perezida, Banyakubahwa Badepite,

16. N’ubwo hari ingamba nyinshi Guverinoma itegura ikanashyira mu bikorwa hagamijwe kuzamura ubukungu bw’Igihugu, imbogamizi ziracyari nyinshi zituruka ku miterere y’ubukungu bw’igihugu cyacu n’izindi zituruka ku mitere y’ubukungu mpuzamahanga. Muri zo twavuga izi zikurikira:
    a) Ibiciro by’ibikomoka kuri petroli bikomeje kuzamuka bigatuma Leta ihomba imisoro mu buryo bwo kugabanya igiciro cya peteroli ku isoko (subsidy);
    b) Ikibazo cy’ingufu gikomeje kuba ingorabahizi bitewe n’igabanuka ry’amazi;
    c) Ubushobozi budahagije mu nzego za Leta bituma imishinga imwe n’imwe idashobora kurangira ku gihe;
    d) Ikibazo cy’umusaruro muke ukomoka ku buhinzi n’ubworozi ;
    e) Ikibazo cy’umuvuduko w’ubwiyongere bw’abaturage ;
    f) Ikibazo cy’ibidukikije birushaho kugenda byangirika ;
    g) Ikibazo cy’icyorezo cya SIDA

X. INDI MISHINGA Y’AMATEGEKO

Nyakubahwa Perezida, Banyakubahwa Badepite,

17. Nagira ngo mbere yo gusoza mbagezeho, imishinga y’amategeko yo kuvugurura ingingo z’amategeko amwe n'amwe hagamije gukosora bimwe no kongera imisoro ya Leta kugirango ingengo y’Imari y’umwaka wa 2007 ishobore kugerwaho. Iyo mishinga ishyikirijwe Inteko iherekeje umushinga w’itegeko rishyiraho Ingengo y’Imari ya Leta kubera y’uko bifitanye isano. Iyo mishinga n’iyi ukurikira:

18. Umushinga wa mbere n'uwo kuzamura umusoro ku byaguzwe wakwa ku itabi no gushyiraho umusoro ku byaguzwe ku itumanaho rikoresheje telefoni. Umusoro ku byaguzwe wakwa ku itabi uri kuri 60% turifuza ko wajya kuri **120%;** naho umusoro ku byaguzwe wakwa ku itumanaho rikoresheje telefoni turifuza ko washyirwaho ukajya ku 10%; Iri tegeko ritowe imisoro ya Leta yakwiyongera ku buryo bukurikira bityo n'ingengo y'Imali y'umwaka wa 2007 ikubahirizwa.

	Umusoro uriho	**Umusoro usabwa kujyaho**	**Inyongera ku Ngengo y'Imali**
Itabi	60%	120%	2.0 miliari
Telefoni	0%	10%	1.3 miliari
Total			**3.3 miliari**

19. Umushinga wa kabiri ni uwo gusobanura neza imodoka zitwara abarwayi n'imirambo zisonewe mu itegeko rya Gasutamo izarizo kugirango amahoro ya gasutamo atanyerezwa. Ikindi kandi ni ugushyira Telefoni ku rutonde rw'ibisonerwa amahoro ya Gasutamo mu rwego rwo gushyigikira itumanaho kugirango abanyarwanda benshi bashobore kuzikoresha. Ikindi kandi imodoka zitwara abarwayi n'imirambo zizasonerwa bitabangamiye amahoro ajya mu isanduku ya Leta.

20. Umushinga wa gatatu ari nawo wa nyuma ni uwo kongera ingingo mu itegeko rigena imitunganyirize y'Isoresha iteganya ko umusoreshwa ashobora gukosora imenyekanisha rye mu gihe atarakorerwa igenzura. Ibi biraterwa n'uko Itegeko ririho ribangamiye umusoreshwa ufite ubushake bwo gukosora imenyekanisha rye mbere y'igenzura. Iyi ingingo itowe yakorohereza abasoreshwa n'Ubuyobozi bw'imisoro mu kazi kabo ka buri munsi.

XI. UMWANZURO

Nyakubahwa Perezida, Banyakubahwa Badepite,

21. Mbere yo gusoza na none, nagirango mbamenyeshe ko haribyo amategeko ateganya biherekeza iyi ingengo y'Imari kugira ngo bibafashe kuyisuzuma muri komisiyo nk'imikoreshereze y'ingengo y'Imari y'Umwaka wa 2005 hamwe n'iyigihembwe cya Mbere cy'uyu mwaka wa 2006. Byarakozwe n'ubwo ibaruramari mu mwaka wa 2005 ritari rinoze. Byahawe imbaraga hashyirwaho gahunda yo kubinoza ku buryo umwaka utaha bizaba biri ku murongo.

Nyakubahwa Perezida, Banyakubahwa Badepite,

22. Nagirango mbonereho umwanya wo gushimira abaterankunga badushyigikira muri gahunda z'amajyambere kandi nshimire n'abanyarwanda batanga imisoro yabo nk'uko amategeko abisaba.

23. Mboneyeho umwanya wo kubashimira kandi mbasaba ko uyu mushinga w'Itegeko rigena Ingengo y'Imari ya Leta y'umwaka wa 2007 n'imishinga y'amategeko awuherekeje Guverinoma yabashyikirije mwakwemeza ishingiro ryayo, bityo ingamba n'ibikorwa biteganijwe bigashyirwa mu bikorwa nk'uko byateguwe guhera ku itariki ya mbere y'umwaka wa 2007.

NDABASHIMIYE.